KWIFURIZA MUSENYERI Alexis HABIYAMBERE IKIRUHUKO CYIZA

Ku wa kabiri tariki 19/04/2016, abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo bifurije Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE kuzagira ikiruhuko cyiza. Iyo gahunda yabimburiwe n'Igitambo cya Misa Yayobowe na Musenyeri Alexis HABIYAMBERE saa kumi n'imwe z'umugoroba mu Iseminari Nto ya Nyundo.

Mu nyigisho ye, yagarutse ku byishimo byarangaga intumwa za Yezu mu butumwa bwazo mu ntangiriro ya Kiliziya, bari bishimiye ko Yezu ari muzima. Ibyo byishimo byabo byakomezaga kubaranga no mu bitotezo bazirikana ko Yezu Kristu bari kumwe. Ibi ni na byo byishimo byakagombye kuranga umupadiri, ibyishimo bigaragaza ko we ubwe yahuye na Kristu bigatuma yitangira abo ashinzwe nk'uko Kristu yitangiye abantu, ibi byakagombye kubera urugero abasaseridoti bakitangira abandi batera ikirenge mucya Yezu. Iyo umupadiri ari gusura abakristu, abarwayi n'abandi, aba abitangira. Muri uko kubakunda ugomba kwirinda kubacira imanza dore ko n'amabanga yabo menshi aba ayazi; byose bikajyana no kubagirira impuhwe.

Nyuma y’Igitambo cya Misa yaturiwe muri chapeli ya Seminari Nto ya Nyundo, ibiganiro byakomereje mu cyumba mberabyombi cya Seminari.

Mu ijambo rye, Musenyeri J.M.V NSENGUMUREMYI, igisonga cy’Umwepiskopi, yavuze nk’uhagarariye abapadiri, yagaragaje ko impamvu yatumye baterana, ari ukugaragariza Musenyeri Alexis HABIYAMBERE urukundo; ndetse no kumushimira.

Aramushimira ko mu myaka 19 ishize ayobora Diyosezi ya Nyundo, Abasaseridoti bamwigiyeho kwishyira mu biganza by’Imana nk’uko intego ye ibivuga:“Nyakira Nyagasani”; dore ko umuntu ubwe ntacyo yakwimarira. Ikindi bamwigiyeho ni urukundo akunda Umubyeyi Bikira Mariya nk’uko yakomeje kumwiyambaza, agashishikariza abakristu kujya bakora ingendo nyobokamana kuri Crête Congo-Nil ndetse n’abamaze guhabwa ubudiyakoni n’ubupadiri akajya kubatura Umubyeyi Bikira Mariya.

Ikindi cyamuranze ni ukwihangana kuko yahawe kuyobora Diyosezi ya Nyundo nyuma y’amahano yagwiriye u Rwanda mu gihe cya Jenoside yakorewew Abatutsi, ikaba yarashegeshe Diyosezi ya Nyundo, nta bintu ifite yewe n’abantu ari bake nyamara ntibyamuca intege.

Mu gihe cye, musenyeri Alexis HABIYAMBERE yashyize imbaraga mu kubaka imitima ahereye mu miryango ashaka ko ikomera muri byose akarangwa no kwicisha bugufi ndetse no kunyurwa na bike, ashishikariza urubyiruko kwiyegurira Imana ndetse akihanganira abantu ku buryo bukomeye; aharanira iterambere, atangiza za paruwasi ari zo Gisovu, Muhato, Gatovu, Kabaya na Kavumu. Yahawe impanno zinyuranye zirimo n'ifoto y'abapadiri ba Nyundo bamukikije nk'uko mubibona.

Abandi bapadiri bavuze mu izina rya bagenzi babo bakomeje kumushimira ubwitange yagaragaje mu ikenurabushyo,bamushimira byinshi byiza yagejeje kuri diyosezi ya Nyundo,

bamusaba ko yahora abazirikana mu isengesho kandi bamwizeza ko bazakorana neza n'Umwepiskopi mushya kugira ngo Ingoma y'Imana ikomeze kogera hose.

Mu mpanuro yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, arashimira Imana uko abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo bamaze kungana ndetse n'umuhamagaro w'abiyeguriyimana ukiyongera akaba ashimira by'umwihariko abapadiri bose babigizemo uruhare. Arasaba abapadiri kuba hafi urubyiruko, kuko ahangayikishijwe n'uko umubare w'abakristu Gatolika ugenda ugabanuka bityo akaba asaba abapadiri ko bagira uruhare rukomeye mu myigishirize y'Iyobokamana mu mashuri. Arashimira ubufatanye buranga

abapadiri akabasaba gukomera ku ibanga ry’urugo. Yashoje ijambo rye asaba Abapadiri kuzakira neza Umwepiskopi mushya bakunga ubumwe kandi bakirinda amatiku. Zimwe mu nshingano zikomeye zikenewe ni ukubaka Kiliziya ya Paruwasi ya Nyange, kwagura Centre d’Accueil Saint François Xavier, gusaba ko habaho Diyosezi ya Kibuye no gushinga za paruwasi nshya. Arishimira impano z’abapadiri nko kuririmba no guhimba indirimbo.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA